REPUBLIKA Y'U RWANDA

INTARA Y'IBURASIRAZUBA, AKARERE KA NYAGATARE

INAMA NJYANAMAY'AKARERE KA NYAGATARE

IMYANZURO Y'INAMA IDASANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA NYAGATARE YO KUWA 30/06/2018

Inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka NYAGATARE yateraniye mu cyumba cy'inama cya Diplomat Hotel mu Karere ka Nyagatare, kuwa gatandatu tariki ya 30/06/2018 Ku isaha ya saa munani z'amanywa (14h00), iyobowe n'Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere Madamu ATUKUNDA RUKEEBA Chantal;

Umuyobozi w'Inama Njyanama yashimiye Abajyanama ko bubahirije igihe anabaha ikaze,By'umwihariko yakiriye Abajyanama bashya mu Nama Njyanama y'Akarere ka Nyagatare aribo :Umujyanama MUSHABE David Claudian wahagurukiye mu Murenge wa Tabagwe akaba ariwe Umuyobozi w'Akarere ka Nyagatare, Umujyanama RURANGWA Stephen wahagurukiye mu Murenge wa Nyagatare,akaba ari Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu n'Umujyanama MUREKATETE Juliet wahagurukiye mu Murenge wa Gatunda akaba ariwe Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage. Basobanuriwe Komisiyo z'Inama Njyanama bagomba kubamo nkuko itegeko ribiteganya.

Umuyobozi w'Inama Njyanama yakiriye abatumirwa bitabiriye bakurikira:

- Abakozi bahagarariye Minisiteri y'imari n'igenamigambi,
- Abagize Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere
- Umuyobozi w'Imirimo rusange mu Karere ka Nyagatare
- Uhagarariye Ingabo mu Karere ka Nyagatare
- Uhagarariye NISS,
- Uhagarariye Police mu Karere,
- Uhagarariye REG mu Karere,
- Uhagarariye WASAC mu Karere
- Abayobozi b'imirimo mu Karere,
- Abaperezida b'Inama Njyanama z'Imirenge,
- Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge,

Abajyanama bitabiriye ni 28 mu Bajyanama 29 bagize Inama Njyanama y'Akarere ka Nyagatare.

Ibyari ku murongo w'ibyigwa:

1. Kugezwaho ishyirwa mu bikorwa ry'ingengo y'imari ya 2017-2018 (Budget execution)
2. Gusuzuma no kwemeza ingengo y'imari y'umwaka wa 2018-2019
3. Kwemeza ibipimo by'imisoro n'amahoro
4. Gusuzuma raporo y'ishyirwa mu bikorwa ry'imihigoya 2017-2018;

Ingingo ya mbere: KUGEZWAHO ISHYIRWA MU BIKORWA RY'INGENGO Y'IMARI YA 2017-2018 (BUDGET EXECUTION);

Nkuko biteganywa n'itegekoN° 87/2013 ryo kuwa 11/09/2013 rigena imitunganyirize n'imikorere y'inzego z'imitegekere y'igihugu mu ngingo yaryo ya 135 agaka ka 17, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere yagejeje ku Nama Njyanama, raporo ku mikoreshereze y'ingengo y'imari y'umwaka wa 2017 -2018. Nyuma yo kugezwaho no gusesengura iyi raporo, Inama Jyanama yafashe, imyanzuro ikurikira;

Umwanzuro wa 1: Inama Njyanama yakiriye raporo y'imikoreshereze y'ingengo y'imari y'umwaka wa 2017-2018.

Umwanzuro wa 2: Inama Njyanama yashimiye ko ingengo y'imari yakoreshejwe kugera kuri 82% ariko isaba ko hongerwa ingufu mumikoreshereze yayo ikazamuka kurushaho kandi ku buryo bunoze. Abagize Inama Njyanama basabye by'umwihariko gukemura ikibazo cy'abakozi bake kubera ko nkuko bigaragara imishinga minini yadindiye, bikaba bibaye imwe mu mpamvu yo kwimukana amafaranga atarashoboye gukoreshwa.

Umwanzuro wa 3: Bimaze kugaragara ko inzego zimwe zidatangira ku gihe amafaranga aba yarateganyijwe mu ngengo y'imari bityo bigatuma iba imwe mu mpamvu habaho kudindira kw'ibikorwa biba byarateganyijwe,Inama Njyanama yasabye Komite Nyobozi kujya bakurikirana ko ibyo byajya bikorwa kugihe kugirango haveho kudindiza gahunda ziba ziteganyijwe.

Ku birebana n'ingengo y'imari yahariwe kugura imashini zo kuhira, ikaba itarakoreshejwe uko bikwiriye ku bera impamvu z'uko abaturage batarumva neza uruhare rwabo dore ko Leta ibishyurira 50% nabo ubwabo bakaba bagomba kwiyishyurira 50%.

Umwanzuro wa 4: Inama Njyanama yasabye uruhare rwa buri Muyobozi wese mu gushishikariza abaturage kugira uruhare mu kugura imashini zuhira hatabayeho gutekereza ko Leta izabishyurira 100%. Inama Njyanama kandi yibukije ko ubukangurambaga bwashyirwamo imbaraga ku birebana no kuhira mu rwego rwo guhangana n'imihindagurikire y'ikirere.

Ingingo ya kabiri: GUSUZUMA NO KWEMEZA INGENGO Y'IMARI Y'UMWAKA WA 2018-2019

Inama Njyanama yagejejweho umushinga w'ingengo y'imari y'Akarere y'umwaka w'ingengo y'imari wa 2018/2019, Nkuko biteganywa n'itegeko N° 87/2013 ryo kuwa 11/09/2013 rigena imitunganyirize n'imikorere y'inzego z'imitegekere y'igihugu mu ngingo yaryo y'100 nyuma yo kuwunguranaho ibitekerezo kw'abagize Inama Njyanama ndetse no kumva ibitekerezo by' abatumirwa ,Inama Njyanama yafashe imyanzuro ikurikira:

Inama Njyanama yasabye ko hashyirwamo imbaraga mu gushishikariza abikorera mu kugira uruhare mu bikorwa bimwe na bimwe bunganira leta muguteza imbere ibikorwa bitandukanye biteza imbere igihugu biba bitabonewe ingengo y'imari nkimyidagaduro n'ibindi.Inama jyanama kandi yasabye Committee Nyobozi gukomeza ubuvugizi kugirango ibitabonewe ingengo y'Imari bibe byakwitabwaho mungengo y'Imari ivuguruye.

Inama Njyanama imaze gusuzuma ingengo y'imari y'umwaka wa 2018-2019 ku buryo bwimbitse yafashe ibyemezo bikurikira:

Icyemezo N° 001/NDC/06/2018:

Inama Njyanama y'Akarere ka Nyagatare ishingiye ku itegeko n° 87/2013 ryo kuwa 11/09/2013 rigena imitunganyirize n'imikorere y'inzego z'imitegekere y'igihugu mu ngingo yaryo y'125 mu gaka ka 3, Inama Njyanama yemeje ingengo y'imari ihwanye na **Miliyari cumi n'umunani, miliyoni Magana atandatu na cumin a zirindwi, ibihumbi magana cyenda na mirongo cyenda na bine n'amafaranga Magana abiri mirongo itandatu n'atanu (18,617,994,265 FRW).**

Abajyanama bose uko ari 28 bitabiriye iyi nama y'Inama Njyanama bemeje ingengo y'imari y'umwaka wa 2018-2019 ku buryo busesuye.

2.2 Ingengo y'imari Inama Njyanama yemeje tuyisanga mu byiciro bine ari byo: amafaranga yinjira akomoka ku misoro yinjizwa n'Akarere, inkunga ziva mu butegetsi bwite bwa Leta, izindi nkunga zikomoka mu nzego za Leta n'amafaranga y'abaterankunga.

Icyemezo N° 002/NDC/06/2018:

Inama Njyanama yemeje amafaranga azaturuka muri ibyo byiciro tumaze kubona ariyo:

- Imisoro n'amahoro byinjizwa n'Akarere*(District Own revenues)*angana na **Miliyari imwe Miliyoni magana abiri na mirongo itanu n'umunani , n'amafaranga magana atanu makumyabiri n'icyenda (1,258,000,529Frws).**Inkunga ziva mu butegetsi bwite bwa Leta (Transfers from Central Governement) ahwanye na **Miliyari icumi n'enye miliyoni magana atanu mirongo ine n'imwe,ibihumbi magana atandatu na bitandatu n'amafaranga magana atandatu mirongo inani n'abiri y'u Rwanda (14,541,606,682)**;
- Izindi nkunga zikomoka mu nzego za Leta *(Other Government Agency Grants)* zingana na **Miliyari ebyiri,Miliyoni Magana inani na cumi n'umunani ,ibihumbi Magana atatu na mirongo inani na birindwi n'amafaranga mirongo itanu n'ane y'u Rwanda (2,818,387,054 Frw).**

Umukozi ushinzwe gukurikirana imikoreshereze y'ingengo y'imari muri Minisiteri y'imari n'Igenamigambi yashimiye Inama Njyanama igikorwa kimaze gukorwa,bityo agira Inama Njyanama inama zikurikira:

1. Kurushaho kwita ku iterambere ry'Akarere habaho guhanga imirimo ku bufatanye n'abafatanyabikorwa b'Akarere;
2. N'ubwo habayeho kwemeza ingengo y'imari y'Akarere Inama Njyanama igomba gushyiraho uburyo bunoze no gukora gahunda byo gukurikirana imikoreshereze y'ingengo y'imari;
3. Gushyiraho uburyo bunoze bwo gukora igenzura ry'imikoreshereze y'ingengo y'imari hatabayeho gutegereza ko Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta aza muri icyo gikorwa;

Ingingo ya gatatu: GUSUZUMA NO KWEMEZA IBIPIMO BY'IMISORO N'AMAHORO BIZAGENDERWAHO MU MWAKA W'INGENGO Y'IMARI WA 2018-2019;

Inama Njyanama Ishingiye ku itegeko N° 87/2013 ryo kuwa 11/09/2013, rigena imitunganyirize n'imiterere y'inzego z'imitegekere y'igihugu zegerejwe abaturage, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 97 n'iya 98;

Ishingiye ku Itegeko N^{0} 59/2011 ryo kuwa 31/12/2011 rishyiraho inkomoko y'imari n'umutungo by'inzego z'ibanze kandi rikanagena imikoreshereze yabyo, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 19,iya 43,iya 53, , iya 57 n'iya 58;

Ishingiye ku Iteka rya Perezida N^{o} 25/01 ryo kuwa 09/07/2012 rishyiraho urutonde kandi rikagena ibipimo ntarengwa by'amahoro n'andi mafaranga yakirwa n'inzego z'ibanze, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 2,iya 3, iya 4, iya 5, iya 6, iya 7, iya 8, iya 9, iya 10, iya 11, iya 12, iya 13, iya 14, iya 15, iya 16, iya 17, iya 18, iya 19, iya 20, iya 21, iya 22, n'iya 23;

Ishingiye ku iteka rya Minisitiri N^{o} 005/12/10 TC ryo kuwa 22/06/2012 rigena uburyo bwo kubahiriza Itegeko N^{0} 59/2011 ryo kuwa 31/12/2011 rishyiraho inkomoko y'imari n'umutungo by'inzego z'ibanze kandi rikanagena imikoreshereze yabyo, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 18,iya 33,iya 42, n'iya 43;

Icyemezo N^{o} 003 /NDC/06/2018: Inama Njyanama yemeje ku bwumvikane busesuye ibipimo by'imisoro n'amahoro bizagenderwaho mu Karere ka Nyagatare mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2018-2019.

Icyemezo N^{o} 004/NDC/06/2018: Inama Njyanama yasabye Komite Nyobozi kwiga uburyo mu Mirenge igaragazwa ko iri mu cyiciro cy'imijyi,bityo hakaba hongererwa amafaranga aba agomba kuhasoresherezwa ko hagomba gushaka uburyo hatunganywa ndetse n'iterambere ryaho rikitabwaho murwego rwo kugira ngo n'imisoro iboneke neza.

Ingingo ya kane:GUSUZUMA NO KWEMEZA RAPORO Y'ISHYIRWA MU BIKORWA RY'IMIHIGO Y'UMWAKA WA 2017-2018;

Abagize Inama Njyanama bamaze kugezwaho raporo y'ishyirwamubikorwa ry'imihigo y'umwaka wa 2017-2018 basanze imaze kweswa ku kigereranyo cya 97, 8%. Mu rwego rwo kurushaho gutegura isuzumabikorwa ry'imihigo y'Akarere rizaba kuwa 11-12 Nyakaga 2018, Inama Njyanama yafashe ingamba zikurikira:

Icyemezo N^{o} 005/NDC/06/2018:

1. Komite Nyobozi yasabwe gushyira ibyapa ahari imihigo yarangiye,kandi ibyo byapa bikaba bigaragaraho inyandiko y'iyo mihigo yarangiye mu rurimi rw'ikinyarwanda ndetse n'abaturage bakayimenyeshwa ko yarangiye;
2. Hemejwe ko abayobozi bibutsa abaturage kureba ko imihigo y'urugo yujujwe mu makaye yabo kandi bakabikurikirana ko iyo mihigo yeshejwe.koko;
3. Hemejwe ko hazakorwa inama n'abafatanyabikorwa b'Akarere(JADF) mu rwego rwo kurebera hamwe ko imihigo yabo yeshejwe;
4. Hemejwe ko hazakorwa umuganda udasanzwe w'imihigo ku italiki 7 Nyakanga 2018; mu Mirenge yose hasukurwa ahari inzira z'ibikorwa by'imihihigo ndetse n'ahandi.

Mu gusoza Inama Njyanama,Umujyanama NIYONZIMA George wari Umuyobozi w'Akarere w'Agateganyo yashyikirije iherekanyabubasha Komite Nyobozi mu gihe yari amaze ukwezi kumwe ayobora Akarere. Inama Njyanama yashimiye Bwana NIYONZIMA George imikorere yamuranze n'ibyo yaramaze gukora ndetse n'inzego bafatanyije muri icyo gihe. Komite Nyobozi nshya yashimiwe ko yemeye guhabwa inshingano isabwa kuzagira ubufatanye mu nshingano nshya ihawe ko aribyo bizatuma Akarere karushaho gutera imbere.

Umuyobozi w'Inama Njyanama yashimiye Abajyanama n'abatumirwa ibitekerezo byubaka Akarere n'igihugu muri rusange byatanzwe. Inama Njyanama yashojwe imirimo yayo saa kumi n'imwe z'umugoroba (17h00 PM).

MUKURIZEHE Annualite
Umunyamabanga w'InamaNjyanama y'Akarere ka Nyagatare

ATUKUNDA RUKEEBA Chantal
Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere ka Nyagatare